# Mbese umwana wawe akeneye gukorerwa ikizamini kigaragaza umukungugu w'ubutare bwa plomb buri mu maraso ye?

Amazina y'umwana:

Itariki y'amavuko y'umwana:

Itariki y'uyu munsi:

(FOR OFFICE ONLY) – MRN #:

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 1. | Mbese umwana wawe aba mu nyubako cyangwa yaba akunda kujya mu nyubako zubatswe mbere ya 1978 aho ahura cyane n' ubutare bwa plomb, nk'ahasize irangi rishaje ryasadutse cyangwa ryomotse, aho baheruka kuvugurura cyangwa barimo bavugurura, cyangwa amazi anywa arimo ubutare bwa plomb ku rugero rwo hejuru cyane? | YEGO | OYA | NDAJIJIN-GANYA |
| 2. | Haba hari igihe umwana wawe yamaze ataba muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika umwaka ushize? | YEGO | OYA | NDAJIJIN-GANYA |
| 3. | Mbese umwana wawe yaba abana cyangwa akina n'umwana ufite ubutare bwa plomb mu maraso ye ku rugero rwo hejuru? | YEGO | OYA | NDAJIJIN-GANYA |
| 4. | Mbese umwana wawe yaba agendana n'ubumuga bwo mu mutwe, akaba ashyira mu kanwa ibintu bitari ibiribwa, cyangwa se akaba ashishura cyangwa akobora ahantu hasize irangi? | YEGO | OYA | NDAJIJIN-GANYA |
| 5. | Mbese umwana wawe yaba akunda kuba ari kumwe n'umuntu mukuru utaha mu rugo avuye ku kazi cyangwa kwinezeza wagize aho ahurira n'ubutare bwa plomb: usiga amarangi ku mazu ukora mu matiyo y'amazi, uvugurura amazu, ukora mu bwubatsi, ukanika imodoka, usudira ibyuma, ukora ibikoresho bya elegitoronike, uvugurura za batiri, ushongesha ubutare agakuramo ibikoresho, ukora ibintu by'umurimbo bikozwe mu mabuye y'agaciro, ukora imitako mu birahure asiga amarangi y'amabara cyangwa umubumbyi, uroba n'inshundura z'ibyuma (ziremereye, "zibira mu mazi"), ukora mu mbunda, cyangwa ukusanya ibikoresho bikoze mu butare cyangwa ibikoresho bikoze mu muringa n'andi mabuye yoroheje? | YEGO | OYA | NDAJIJIN-GANYA |
| 6. | Mbese mu muryango wanyu mwaba mukoresha imiti gakondo, imiti ivura mwikorera mu rugo, amavuta n'amarashi mwisiga, amapuderi, ibirungo, cyangwa ibiribwa bivuye mu bindi bihugu? | YEGO | OYA | NDAJIJIN-GANYA |
| 7. | Mbese mu muryango wanyu mwaba muteka ibiryo, mubibika, cyangwa mubigabura mu bikoresho bikoze mu mabuye abengerana, mu muringa, cyangwa mu ibumba biva mu bindi bihugu? | YEGO | OYA | NDAJIJIN-GANYA |
| 8. | Mbese umwana wawe yaba atarabonetse mu gihe yagombaga gukorerwa ikizamini kigaragaza umukungugu w'ubutare bwa plomb buri mu maraso ye? New York State isaba ko abana bose bakorerwa ibizami byo kureba ko nta butare bwa plomb buri mu maraso yabo bafte umwaka 1 bakongera kubibakorera bafte imyaka 2. | YEGO | OYA | NDAJIJIN-GANYA |

**Niba igisubizo cyawe ari "YEGO" cyangwa "NDAJIJINGANYA" kuri kimwe muri ibi bibazo, umwana wawe agomba kuba akeneye gukorerwa ikizami cyo kureba ko nta butare bwa plomb buri mu maraso ye.**

Ubutare bwa plomb ni ikibazo giteye impungenge cyane cyane, ku bana bari munsi y'imyaka 6. Ni ngombwa ko wowe na muganga ubitaho mumenya urugero rw'ubutare bwa plomb buri mu maraso y'umwana wawe.

**www.health.ny.gov/LeadTestKids**

NEW YORK STATE | Department of Health

6726 (Kinyarwanda) 9/19